REPUBLIC OF RWANDA

Ministry of Agriculture and Animal Resources

# IMFASHAMYUMVIRE KURI POLITIKI Y'IGIHUGU Y'UBUHINZI (NAP)

**Nyakanga 2019.**

Copyright 2019

MINAGRI, CCOAIB, TRÓCAIRE, EUROPEAN UNION

Umuntu wese wandukura, ufotora atagamije ubushakashatsi cyangwa se uhindura ibikubiye muri iki gitabo byose cyangwa igice cyabyo atabisabiye uruhushya, ahanwa n'amategeko arengera abanditsi.

---

Iyi mfashamyumvire kuri Politiki y'Igihugu y'ubuhinzi (NAP) yateguwe kubufatanye hagati ya:

- MINAGRI
- CCOAIB
- TRÓCAIRE
- EUROPEAN UNION

*KIGALI, Nyakanga 2019*

# Ishakiro


Ishakiro....3

Ijambo ry'ibanze....4

Inshamake....6

1. Impamvu z'ivugururwa n'itegurwa rya Politiki y'igihugu y'ubuhinzi....7

2. Politiki ku rwego mpuzamahanga....8

3. Isesenguramiterere....9

   3.1 Uko urwego rw'ubuhinzi rwitwaye mu bihe byashize ndetse n'ubu....9
   3.2 Ibyakwitabwaho mu kugera ku bipimo byiza byitezwe mu minsi iri imbere....12

4. Icyerekezo, intego n'amahame ngenderwaho....13

   4.1 Icyerekezo....13
   4.2 Inshingano....13
   4.3 Intego za Politiki y'Igihugu y'Ubuhinzi....13
   4.4 Ibikubiye muri politiki....13
   4.5 Inkingi 1: Uburyo bw'imikorere n'inzego zifite ubushobozi....14
   4.6 Inkingi 2: Kuvugurura ikoranabuhanga no guteza imbere ubumenyi....20
   4.7 Inkingi ya 3: Kongera umusaruro no gukora ibiramba....34
   4.8 Inkingi ya 4: Amasoko adaheza n'imirimo idashingiye ku buhinzi....44

5. Uko politiki izashyirwa mu bikorwa....52

6. Kuva kuri politiki herekezwa ku mu mishinga....53

7. Gushyira imbaraga mu kongera ubushobozi hagamijwe ibikorwa....53

# Ijambo ry’ibanze

Ubuhinzi ni ishingiro ry’izamuka ry’ubukungu burambye mu Rwanda. Muri iki gihe urwego rw’ubuhinzi rugize hejuru ya kimwe cya gatatu (1/3) cy’ubukungu bw’u Rwanda, bugatanga hafi ya kimwe cya kabiri (1/2) cy’ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga, kandi bukanatanga akazi ku bagera kuri bibiri bya gatatu (2/3) by’abaturage bose bageze igihe cyo gukora.

Ku bw’ibyo, Leta y’u Rwanda iha agaciro kanini urwego rw’ubuhinzi kubera ko rugira uruhare runini mu guteza imbere ubukungu n’imibereho myiza y’abaturage. Leta kandi iherutse kuvugurura Politiki y’Igihugu y’Ubuhinzi (NAP 2018) kugira ngo hashyirweho imirongo ngenderwaho izayobora ubuhinzi. Iyo politiki igizwe n’ibizakorwa bigamije gutuma urwego rw’ubuhinzi rubasha guhangana kugira ngo hagerwe ku kwihaza mu biribwa n’imirire myiza no kuzamura umutungo w’umuryango n’iterambere ry’ubukungu.

Politiki y’Igihugu y’Ubuhinzi, igaragaza ibizibandwaho na Leta y’u Rwanda muri iyi myaka iri imbere kandi ikita ku bibazo n’amahirwe bihari muri iki gihe, ndetse iteganya ibikorwa bigabanyijwe mu nkingi enye:

1) **Uburyo bw’imikorere n’inzego zifite ubushobozi;**
2) **Kuvugurura ikoranabuhanga no kongera ubumenyi;**
3) **Kongera umusaruro no gukora ibiramba;**
4) **Amasoko meza n’imirimo idashingiye ku buhinzi.**

Politiki y’Igihugu y’Ubuhinzi ijyanye n’Itangazo ry’ibyemezo by’inama y’abakuru b’ibihugu by’Afrika yabereye i Malabo, binyuze muri Gahunda nyafurika ikomatanyije yo guteza imbere ubuhinzi (CAADP) kimwe n’Intego z’Iterambere Rirambye (SDGs),

igashimangira cyane uburyo bwo guhuza ibikorwa n'imikoranire hamwe n'abafatanyabikorwa bose b'ingenzi.

Politiki y'Igihugu y'Ubuhinzi ivuguruye yateguwe mu bugishwanama n'abafatanyabikorwa b'ingenzi mu rwego rw'ubuhinzi. Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi irashimira cyane uruhare rw'abantu ku giti cyabo, n'urw'imiryango batanze ibitekerezo mu itegurwa ry' iyi politiki.

Ndahamagarira abafatanyabikorwa bose kwakira no gushyira mu bikorwa iyi Politiki y'Igihugu y'Ubuhinzi nk'uburyo bwo kwihutisha impinduka mu buhinzi mu Rwanda. Dufatanyije tuzahindura ubuhinzi buve ku buhinzi bw'amaramuko bube ubuhinzi bushingiye ku bumenyi bwongera agaciro. bizatuma ubuhinzi bugira uruhare mu bukungu bw'igihugu, kwihaza mu biribwa n'imirire myiza.

Murakoze

**Dr. MUKESHIMANA Gérardine**

Minisitiri w'ubuhinzi n'ubworozi

## Inshamake

Icyerekezo cya Politiki y'Igihugu y'Ubuhinzi ni uguhindura u Rwanda igihugu cyihagije mu biribwa, gifite ibiribwa bikungahaye ku ntungamubiri ndetse no kongera umusaruro w'ubuhinzi ku buryo burambye, kubungabunga ibidukikije ndetse no gukora ubuhinzi bugamije amasoko.

Inshingano ni iyo kwihaza mu biribwa n'imirire myiza, kwifashisha ikoranabuhanga rigezweho mu buhinzi bugamije ubucuruzi, rituma abahinzi bakora ubuhinzi kinyamwuga mu rwego rwo kongera umusaruro, ubucuruzi bw'ibikomoka ku buhinzi, no kubaka urwego rw'ubuhinzi ku buryo rubasha guhangana ku isoko. Icyerekezo, inshingano kimwe n'intego z'iyi politiki byashyizweho hakurikijwe ibikubiye mu Itangazo ry'ibyemezo by'inama y'abakuru b'ibihugu by'Afrika yabereye i Malabo (2014).

U Rwanda, mu gihe rurimo guhindura urwego rw'ubuhinzi, rugamije kuzamura ubukungu bwarwo bukava ku rwego rwo hasi rukagera ku rwego ruciriritse. Nyamara, urwego rw'ubuhinzi nirwo rufite uruhare runini mu musaruro mbumbe w'igihugu, ruri hejuru ya kimwe cya gatatu cy'ubukungu. Guhera mu mwaka wa 2000, ubuhinzi buzamukaho 5% buri mwaka.

Kwihaza mu biribwa n'imirire myiza biracyari ibyo kwitabwaho bitewe n'impamvu nyinshi: Harimo nk'igabanuka ry'ubutaka buhingwa bitewe n'ubwiyongere bw'abaturage butuma hakomeza kubaho igabagabana ry'ubutaka kimwe n'isuri ikabije, igabanuka ry'umusaruro ritewe n'igunduka ry'ubutaka rituruka ku kubuhinga nta kuburaza, n'ibindi.

Ibyo byose bisaba ko hashyirwaho umurongo wa politiki ugamije gukumira ibyabangamira ubuhinzi muri iki gihe n'ikizaza no kugira u Rwanda igihugu kihagije mu biribwa no mu mirire myiza ndetse kinagemurira amahanga ibikomoka ku buhinzi byujuje ubuziranenge.

Politiki y'Igihugu y'Ubuhinzi igena umurongo wa politiki ku bikorwa byihariye bibumbiye mu nkingi zaguye enye, arizo:
**Inkingi ya 1:** Uburyo bw'imikorere n'inzego zifite ubushobozi;
**Inkingi ya 2:** Kuvugurura ikoranabuhanga no kongera ubumenyi;
**Inkingi ya 3:** Kongera umusaruro no gukora ibiramba;
**Inkingi ya 4:** Amasoko meza n' imirimo idashingiye ku buhinzi.

Ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y'Igihugu y'Ubuhinzi rizashingira mbere na mbere ku mishinga yateguwe muri Gahunda ya kane yo kuvugurura ubuhinzi n'ubworozi (PSTA 4). Iyi gahunda izakomeza kandi inihutishe impinduka zatangiranye na Gahunda ya gatatu yo kuvugurura ubuhinzi n'ubworozi (PSTA 3) hagamijwe kongera umusaruro no kubyaza umusaruro amahirwe ahari ndetse no kureshya ishoramari ry'abikorera.

## 1. Impamvu z'ivugururwa n'itegurwa rya Politiki y'igihugu y'ubuhinzi.

Icyatumye Politiki y'Igihugu y'Ubuhinzi yo muri 2004 ivugururwa ni: (i) kwihutisha ikoranabuhanga, (ii) kongera uruhare rw'abikorera mu iterambere, (iii) guhuza politiki n'ibihugu byo mu karere, (iv) n'ibibazo biterwa n'imihandagurikire y'ikirere.

Ni ngombwa kuvugurura Politiki y'Igihugu y'Ubuhinzi kugira ngo ijyane n'izindi politiki nshya zashyizweho mu gihugu nk'Icyerekezo 2050 na Gahunda mpinduramatwara ya mbere (NST 1). Inkingi ya gatatu y'Icyerekezo 2050, yibanda ku guteza imbere uburyo bwo kongerera agaciro n'ubucuruzi by'umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi hifashishijwe ikoranabuhanga mu buryo bwinshi, mu gihe mu

nkingi yo kuvugurura ubukungu, gahunda mpinduramatwara ya mbere igamije kongera ubwiza bw'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi, kongera umusaruro muri rusange no kuzamura umusaruro kuri hegitari hifashishijwe kuvugurura ubuhinzi no kongera uburyo bwo guhangana n'ingaruka z'ihindagurika ry'ibihe.

Byongeye kandi, mu nkingi yo guhindura imibereho y'abaturage ya gahunda mpinduramatwara ya mbere, urwego rw'ubuhinzi n'ubworozi rwitezweho kugabanya ubukene, kwihaza mu biribwa, kubungabunga ubuzima n'imibereho myiza y'abaturage. Mu zindi gahunda z'ingenzi za Leta iyi Politiki ihuje umurongo nazo, harimo Gahunda yo guteza imbere urwego rw'abikorera (PSDS) na Gahunda y'iterambere ritabangamira ibidukikije no guhangana n'imihindagurikire y'ikirere.

## 2. Politiki ku rwego mpuzamahanga


Mu gutegura Politiki y'Igihugu y'Ubuhinzi, u Rwanda rwitaye ku kugendana na politiki zo ku rwego rw'umugabane w'Afurika nk'umurongo wa politiki y'umugabane: Gahunda nyafurika ikomatanyije y'iterambere ry'ubuhinzi (CAADP) nk'uko yashimangiwe mu itangazo ry'ibyemezo by'inama y'abakuru b'ibihugu by'Afrika yabereye i Malabo muri 2014 kimwe na politiki zo ku rwego rw'akarere nk'Icyerekezo 2050 cy'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba.

U Rwanda rusobanura ubuhinzi muri Politiki y'Igihugu y'Ubuhinzi nk'uko busobanurwa mu Ntego z'Iterambere Rirambye (SDGs) kandi rufite ubushake bwo kurwanya imihindagurikire y'ibihe binyuze mu buhinzi bushingiye ku masezerano yo kurwanya imihindagurikire y'ibihe yashyiriweho umukono i Paris mu 2015.

# 3. Isesengura miterere

## 3.1 Uko urwego rw’ubuhinzi rwitwaye mu bihe byashize ndetse n’ubu

### 3.1.1 Uruhare rw’ubuhinzi mu bukungu rusange bw’igihugu




Nk’uko byagiye bigaragazwa n’amateka y’ibihugu by’Uburayi, Amerika, na vuba aha muri Aziya, iterambere ry’ubuhinzi ryabaye inkingi y’imibereho myiza y’abaturage kuko ari ryo musingi w’iterambere ry’inganda na serivisi; rigatanga kandi inyongera yari ikenewe ku iterambere ry’ubukungu n’ imibereho y’abantu; akaba ari byo bizana impinduka.

Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza muri make urugendo u Rwanda rwakoze ruva ku rwego rw’igihugu gifite ubukungu bwo hasi rugana ku bukungu buciriritse kuva mu 2000 kugeza muri 2016.

| Igice | 2000 | 2016 |
|---|---|---|
| Ukwiyongera k'ubukungu (Ikigereranyo) | 7,9 % buri mwaka | 7,9 % buri mwaka |
| Umusaruro mbumbe (GDP) mu madolari y'Amerika | 242 | 729 |
| Igipimo cy'ubukene (%) | 60,3 | 39,1 |
| Icyizere cyo kubaho | Imyaka 48,2 | Imyaka 64,5 |
| Impfu z'abana | 183 ku 1000 | 42 ku 1000 |
| Uruhare rukomatanyije rw'ibitumizwa n'ibyoherezwa mu mahanga | 31% | 48% |
| Ukwiyongera k'umusaruro w'ubuhinzi (Ikigereranyo) | 5,9% | 4,7% |


Ikigereranyo cy'ubwiyongere bw'umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi cyari 5,3 % buri mwaka hagati ya 2000 na 2016. Hagati ya 2008 na 2012 niho hagaragaye ukwiyongera k'umusaruro ku kigero cyo hejuru (6% ku mwaka). Ibi bikaba byaraturutse ku itangizwa rya gahunda y'imbaturabukungu mu buhinzi muri 2008, mu gihe guhera muri 2013 umusaruro wagabanutse. Umusaruro uva mu byoherezwa mu mahanga wagiye ugengwa cyane cyane n'ihindagurika ry'ibiciro ku masoko mpuzamahanga. Ubworozi nabwo bwagaragaye nkubwiyongereye ku kigero kingana na 8,3% hagati ya 2012 na 2016. Iri zamuka ryatewe cyane cyane no korora amatungo ya kijyambere. Ni ngombwa kumenya ko izamuka ry'uru rwego rihura n'imbogamizi zo kutabona ibiryo bihagije by'amatungo.

Ibyoherezwa mu mahanga mu buryo buzwi ahanini ni ikawa n'icyayi ku kigero kiri hafi ya 65%. Ubu, ubuhinzi bw'imbuto, imboga n'indabo buri kuzamuka mu rwego rw'ibyoherezwa mu mahanga mu buryo buzwi hakoreshejwe inzira z'ubwikorezi bwo mu kirere mu migabane itandukanye no ku masoko mpuzamahanga. Uko umubare

w'abaturage n'ubukungu mu bihugu duturanye bigenda byiyongera, ubucuruzi bwo mu karere butegerejweho kugira uruhare runini ku byo u Rwanda rwohereza mu mahanga.

Byongeye kandi, imirimo ijyanye n'ubuhinzi yaragabanutse iva kuri 88,6 % mu 2001 igera kuri 68% mu 2014. Abagore bagize 66% by'abakora imirimo ijyanye n'ubuhinzi.

### 3.1.2 Ubuhinzi no kwihaza mu biribwa



Imibare itangwa n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda igaragaza ko n'ubwo umusaruro w'ibikomoka ku buhunzi wiyongereye, haracyakenewe gushyira imbaraga nyinshi mu kwihaza mu biribwa n'imirire myiza:

a) Umusaruro ku rwego rw'igihugu kugeza ubu utanga Kilo Karoli 1950 ku muntu umwe buri munsi, mu gihe igipimo fatizo cy'intungamubiri ku bari mu murongo w'ubukene ari Kilo Karoli 2500 ku muntu buri munsi.

b) Igipimo cy'igwingira ry'abana ni 38%, kikaba kiri hejuru ugereranyije n'ibipimo mpuzamahanga ndetse 17,8% by'abana bafite kuva ku mezi 6 kugeza kuri 23 ntibabasha kubona indyo yuzuye.
c) Nk'uko bigaragazwa n'ibipimo bya CARI, 20% by'ingo zo mu Rwanda ntizihagije mu biribwa.

## 3.2 Ibyakwitabwaho mu kugera ku bipimo byiza byitezwe mu minsi iri imbere

Politiki y'Igihugu y'Ubuhinzi iteganya ibizitabwaho mu buhinzi mu myaka iri imbere, aribyo bigize isobanurampamvu ry'ibikorwa biteganyijwe. Ibyo ni:

a) Kongera umusaruro ndetse no kugabanya iyangirika ry'umusaruro,
b) Ubutaka buto buhingwa nk'impamvu nyamukuru y'umusaruro muke n'inyungu nke iwukomokaho;
c) Ubwiyongere bukabije bw'abaturage busaba kongera umusaruro kandi bugira ingaruka k'ubutaka buhingwa;
d) Imihindagurikire y'ibihe igira ingaruka ku musaruro;
e) Isuri no kwangirika k'ubutaka bigira ingaruka ku butaka buhingwa;
f) Umuvuduko w'ubukungu utuma ibikomoka ku buhinzi mu Rwanda bibona isoko mu gihugu no mu karere;
g) U Rwanda rubona inyungu mu bucuruzi bwo mu karere ndetse no mu bwo mu mahanga ya kure;
h) Gufungura amarembo biha umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi amahirwe yo guhangana ku isoko.

Mu gusoza, kugira ngo ubuhinzi bw'u Rwanda bubashe kugera ku ngingo zavuzwe haruguru kandi bugire uruhare mu guteza imbere imibereho myiza y'abaturage b'u Rwanda, hakenewe impinduka kugira ngo himakazwe amahame aganisha ku bikorwa birambye mu rwego rw'ubuhinzi kandi hanazirikanwa ko hakenewe umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi bifite ubwiza kandi bihagije.

# 4. Icyerekezo, intego n'amahame ngenderwaho

## 4.1 Icyerekezo

Igihugu kihagije mu biribwa, gifite imirire myiza, n'izamuka rirambye ry'umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi, binyuze mu buhinzi butanga umusaruro, butangiza ibidukikije, kandi bugamije isoko.

## 4.2 Inshingano

Kugeza Abanyarwanda ku kwihaza mu biribwa n'imirire myiza hifashishijwe ikoranabuhanga rigezweho mu bucuruzi bw'ibikomoka ku buhinzi, kugira abahinzi bw'umwuga mu rwego rw'umusaruro, ubucuruzi bw'ibikomoka ku buhinzi, no gukora ubuhinzi bubasha guhangana ku isoko.

## 4.3 Intego za Politiki y'Igihugu y'Ubuhinzi

a) Kugira uruhare rufatika mu kuzamura ubukungu;
b) Kongera amahirwe ari mu bukungu n'uburumbuke (Prosperity), guhanga imirimo no kurwanya ubukene;
c) Guteza imbere kwihaza mu biribwa n'imirire myiza;
d) Kwishakamo ibisubizo no gukora ibiramba hagamijwe kugera ku musaruro.

## 4.4 Ibikubiye muri politiki

Iki gice kigaragaza inkingi 4 hamwe n'ibikorwa 160 bijyanye nazo. Inkingi ya mbere irimo ibikorwa 24, iya kabiri ikabamo ibikorwa 53, inkingi ya gatatu irimo ibikorwa 54 naho iya kane, ari nayo ya nyuma, irimo ibikorwa 29. Ibikorwa biteganyijwe nibyo bizayobora iteganyabikorwa ry'igihe kirekire.

## 4.5 Inkingi 1: Uburyo bw'imikorere n'inzego zifite ubushobozi

Hashingiwe ku byagaragaye muri iyi myaka ishize, Politiki y'Igihugu y'Ubuhinzi igomba gushyiraho gahunda yuzuye ifite uburyo bw'imikorere n'inzego zifite ubushobozi bwo kuzana impinduka. Ibibikubiyemo: 1) Guhindura uruhare rwa Leta ikava mu bikorwa by'ubucuruzi ahubwo igatanga uburyo ibinyujije mu gutegura ibisabwa kugira ngo ishoramari ry'abikorera ryiyongere, 2) gukora ku buryo inzego zikora neza, zigasubiza ibyifuzo by'abafatanyabikorwa kandi zigashyiraho amabwiriza anoze kandi yoroshye gushyirwa mu bikorwa.

### 4.5.1 Amahame y'ishoramari rya Leta

Uruhare rw'ishoramari rya Leta ugereranyije n'iry'abikorera ruzagenwa n'ibizava mu isesengura hagati ry'ikiguzi ndetse n'inyungu byitezwe mu ishoramari rizaba ryakozwe (inyungu), n'inyungu mu rwego rw'ubukungu (kuba rikenewe):

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN) n'Ikigo gishinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB).

**Ibizakorwa**

1.1 Kwibanda ku mishinga ibyara inyungu mu rwego rw'ubukungu kandi isubiza ibyifuzo bya rubanda ariko hatitabajwe cyane ishoramari ry'abikorera;
1.2 Gukorana n'abikorera mu gushora imari mu bikorwa by'ubucuruzi bitari bisanzwe bikurura ishoramari ry'abikorera;
1.3 Gukemura ibibazo by'isoko hatangwa ibikenewe byose;
1.4 Gushyiraho uburyo bwo guhuza ibikorwa kugira ngo abantu babashe gukora mu buryo bunoze;
1.5 Kugenzura imitungo ya Leta mbere y'uko yegurirwa abikorera.

## 4.5.2 Guteza imbere ishoramari ry'abikorera n'imari igenewe ubuhinzi

Impinduka mu buhinzi mu Rwanda zizagirwamo uruhare n'ishoramari ry'abikorera. Ishoramari ry'abahinzi batoya ribangamirwa mbere na mbere no kutabona ubushobozi bw'amafaranga, mu gihe kureshya abashoramari bo ku rwego rwo hejuru bisaba gutezwa imbere, gukurikirana no kuba hagaragara icyatuma babyitabira.

**Imari igenewe ubuhinzi**

5,2% gusa k'inguzanyo niko konyine kajya mu buhinzi. Ishoramari mu buhinzi rikenera igishoro gihagije kugira ngo umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi ushobore kwiyongera. Bimwe mu bisaba ishoramari harimo: inyongeramusaruro, gutunganya ubutaka, ibiryo by'amatungo, kuhira, kongerera agaciro umusaruro n'ibindi.

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y'Ikoranabuhanga mu Itumanaho na Inovasiyo (MITEC), Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN) na Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM).

**Ibizakorwa**

1.6 Gukora inyigo y'uburyo ubuhinzi bwashorwamo imari n'uburyo bwo kubikora;

1.7 Gushyigikira uruhande rukenera amafaranga ku masoko y'imari binyuze: mu bukangurambaga buhindura imyumvire mu bijyanye n'imari, gushishikariza abahinzi kwibumbira mu matsinda yo kwizigamira no mu ma koperative, no gufasha ba rwiyemezamirimo

gukora imishinga ibafasha kubona inguzanyo mu mabanki (by'umwihariko urubyiruko n'abagore);

1.8 Gushishikariza gutanga imari ikoreshwa mu rwego rw'ubuhinzi hashyirwamo icyateza imbere imari kubikomoka ku buhinzi;

1.9 Gutanga ubufasha mu bya tekinike kuri za Koperative zo kuzigama no kuguriza (SACCO) n'ibigo by'imari biciriritse mu gutanga imari ishorwa mu buhinzi;

1.10 Kwegeranya imibare y'abahinzi no gushyira mu bikorwa ingamba zabafasha mu kubona inguzanyo;

1.11 Guteza imbere uburyo bwo gushora imari mu ruhererekane nyongeragaciro hashyirwaho amabwiriza agenga ibyifashishwa mu ruherekane nyongeragaciro no kubahiriza amasezerano.

**Guteza imbere no gukurikirana imishinga bwite y'abikorera**

Ishoramari ryagutse rikozwe n'abikorera banini ni ingenzi cyane mu buhinzi. Bityo, Politiki y'Igihugu y'Ubuhinzi yerekana ibikorwa by'ingenzi bigomba gukurikiranwa:

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Minisiteri y'Ikoranabuhanga na Inovasiyo (MITEC) n'Ikigo gishinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB).

**Ibizakorwa**

1.12 Gushyiraho uburyo bunyuze mu mucyo, budahindagurika, hamwe n'amabwiriza ashoboka mu buhinzi, bigenga isoko ry'ubutaka, inyongeramusaruro, uburyo bwo kwandika, kugenzura no kwemeza ikoranabuhanga;

1.13 Korohereza abashoramari kubona amakuru, akubiyemo amabwiriza kimwe no kubahuza n’abafatanyabikorwa b’imbere mu gihugu binyuze mu mahuriro, uburyo koranabuhanga bw’itumanaho, udutabo n’inyandiko bitanga amakuru;

1.14 Kunoza uburyo bwo guhuza ibikorwa hagati y’ibigo bya Leta n’abikorera ku birebana n’ ishoramari binyuze mu biganiro hagati y’inzego za leta n’iz’abikorera mu ishoramari binyuze mu biganiro hagati ya Leta n’abikorera no guteza imbere amahuriro y’abashoramari mu buhinzi.

**Guteza imbere ishoramari ry’abikorera**

Hazakorwa inyigo zigamije gushyiraho uburyo bunoze bwo kongera igishoro n’ubushobozi mu bikorera. Izi nyigo zizunganirwa n’ikoreshwa ry’itegeko rigenga imikoranire hagati ya Leta n’abikorera (PPP) kugira ngo hategurwe imishinga ihuriweho na Leta n’abikorera.

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y’Ubuhinzi n’Ubworozi (MINAGRI), Minisiteri y’Imari n’Igenamigambi (MINECOFIN) n’Urugaga rw’Abikorera (PSF).

**Ibizakorwa**

1.15 Gushyiraho uburyo bwo kongerera abikorera igishoro n’ubushobozi hagamijwe kugera ku ntego z’igihugu hashyirwaho uburyo bwo guha inyungu mu rwego rw’imari ku biyemeje gushora imari yabo mu buhinzi;

1.16 Gutegura imishinga ihuriweho na Leta n’abikorera (PPP) hakurikijwe itegeko ryo mu 2016, hifashishijwe imishinga myiza yakozwe n’abantu ku giti cyabo.

### 4.5.3 Inzego zifite ubushobozi

Kugira ngo ibe umusemburo mu iterambere, Politiki y'Igihugu y'Ubuhinzi yashyizeho gahunda idaheza binyuze mu: i) guteza imbere uburyo bunoze kandi budahenze bwo gutanga serivisi ibinyujije mu nzego zegerejwe abaturage; ii) gushyiraho guhuza politiki n'amabwiriza asobanutse kandi ashobora gushyirwa mu bikorwa; no iii) gushishikaza uruhare rw'abahinzi, abikorera, imiryango itegamiye kuri Leta binyuze mu biganiro hagati ya Leta n'abikorera.

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) na Minisiteri y'Ikoranabuhanga mu Itumanaho na Inovasiyo (MITEC)

**Ibizakorwa**

1.17 Imbonerahamwe y'imirimo ya Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) n'iz'ibigo biyishamikiyeho zizavugururwa kugira ngo izo nzego zibashe gusubiza kurushaho ibyifuzo by'abafatanyabikorwa.

1.18 Guha inshingano inzego z'ibanze ku buryo bwose bushoboka hashingiwe ku bushobozi zifite bwo kurangiza ibyo zisabwa;

1.19 Kugenzura niba ibitekerezo bitangwa hagati y'urwego rw'igihugu n'inzego z'ibanze byitabwaho uko bikwiye. Leta izavugurura uburyo serivise zayo zigera ku muhinzi kugira ngo igenzure uko inshingano zisaranganywa n'uko zikorwa. Ishingiye kuri ibyo, Leta izashyiraho gahunda zo guteza imbere serivisi zikubiyemo inshingano zo kongera ubushobozi, gukurikirana ibikorwa no gucunga umutungo ku buryo byashyirwa muri gahunda y'ibikorwa ihuriweho y'inzego z'ibanze. Icya nyuma ni ugutegura gahunda y'ibizakorwa mu kubaka ubushobozi mu nzego z'ibanze

hagamije gukurikirana no gushyigikira uburyo bwo gutanga serivise mu nzego z'ubuyobozi zegerejwe abaturage;

1.20 Gushyiraho uburyo bw'imikorere y'inzego n'ubwo guhanahana amakuru hagamijwe gutegura gahunda y'ibikorwa bihuriweho n'uburyo bw'ikurikirana urwego rw'abikorera rufitemo ijambo.

**Ibiganiro hagati ya Leta n'abikorera (PPD) n'amahuriro ry'abari mu ruhererekane nyongeragaciro**

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Urugaga rw'Abikorera (PSF) n'Ikigo gishinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB).

**Ibizakorwa**

1.21 Guharanira ko amahuriro y'ibiganiro hagati ya Leta n'abikorera (PPD) akomeza, kugira ngo abafatanyabikorwa mu buhinzi n'ibiribwa bajye bahura kenshi na Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) kugira ngo bategure kandi basuzume ingamba, gahunda ndetse n'imishinga iri gushyirwa mu bikorwa (Abafatanyabikorwa mu iterambere, inzego z'ibanze, abikorera, imiryango itegamiye kuri Leta n'amahuriro y'abahinzi);

1.22 Guteza imbere urubuga ruhuza abongerera agaciro umusaruro ku rwego rw'igihugu, gushyira mu bikorwa gahunda zy'ibikorwa bihuriweho no gufatanya kubitera inkunga mu bya tekinike no mu kubaka ubushobozi bw'amahuriro yo ku rwego rw'akarere.

**Gukora politiki zishingiye ku bimenyetso bifatika**

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC)

**Ibizakorwa**


1.23 Gushyiraho ishami ry'ikoranabunga mu itumanaho rigomba gushyiraho ububiko bw'amakuru yose ahuriweho, ishami rishinzwe ibarurishamibare ku rwego rwa minisiteri, no kuvugurura uburyo bwo gukurikirana ibikorwa, kubigenzura n'ubushobozi bwo kwigira kubyakozwe (MEL);
1.24 Gushyiraho no guhuza n'igihe buri gihe gahunda nini zizakomeza (Urugero CIP na Girinka) buri uko ibimenyetso bishya bigaragara.

## 4.6 Inkingi 2: Kuvugurura ikoranabuhanga no guteza imbere ubumenyi

Mu Rwanda, ubushakashatsi mu buhinzi bwashowemo imari ku rugero ruto cyane rungana na 0,7% by'ibyo Leta ikoreshamo amafaranga mu gihe Gahunda ya gatatu yo kuvugurura ubuhinzi n'ubworozi hari intego yo kugera kuri 7,1%. Bitandukanye n'inyigo zakozwe hirya no hino ku isi zagaragaje ikigereranyo cya 40-60% by'inyungu iva mu ishoramari mu by'ubumenyi kijya mu buhinzi.

Iyi Politiki y'Igihugu y'Ubuhinzi ishyira imbaraga mu bushakashatsi binyuze mu gutuma porogaramu z'ubushakashatsi zikemura ibibazo biri ku isoko, bityo zikegereza ikoranabuhanga abahinzi, amasosiyete, n'abategura za politiki.

## 4.6.1 Gahunda y'ubushakashatsi mu kuzamura ikoranabuhanga




*Ubushakashatsi bujyanye n'ibikenewe buzitabwaho nk'igikorwa rusange kigamije inyungu z'abafatanyabikorwa bose mu rwego rw'ubuhinzi.*

**Ibihingwa**

Ubushakashatsi buhamye ku guteza imbere ibihingwa burakenewe mu rwego rwo guhangana n'ibibazo bibangamiye urwego rw'ibihingwa. Kubungabunga ibihingwa gakondo no guteza imbere ibihingwa bikungahaye ku ntungamubiri binyuze mu mu ikoranabuhanga ryemeranyijweho ryifashisha ibikoresho bishingiye ku binyabuzima bizitabwaho ku rwego rugaragara muri gahunda y'ubushakashatsi.

**Urwego rubishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) by'umwihariko.

**Ibizakorwa**

2.1 Guteza imbere ubushakashatsi kugira ngo habashe kuboneka imbuto zitanga umusaruro ushimishije, zishobora guhangana n'ibibazo byaturuka ku gihingwa ubwacyo cyangwa hanze yacyo (Urugero: indwara, amapfa n'ibyonnyi);

2.2 Gushora imari mu kongera umusaruro w'imbere mu gihugu no mu gutubura imbuto nziza zifite ubuziranenge hashyirwa imbaraga mu bushakashatsi bugamije kugaragaza imbuto za kijyambere n' uburyo bwo kuzigeza ku bahinzi;

2.3 Guteza imbere ubushakashatsi bw'ibihingwa bikungahaye ku ntungamubiri binyuze mu buryo bwo kongerera mu buryo karemano ibihingwa intungamubiri, no kugira u Rwanda igihugu kizwiho guturukamo, mu buryo bwizewe, ibiribwa byongerewe intungamubiri mu karere;

2.4 Gushyigikira ubushakashatsi mu ikoranabuhanga ryifashisha ibinyabuzima mu buhinzi;

2.5 Gukora ubushakashatsi ku ikoranabuganga ryo gucunga neza umusaruro, kubungabunga ubwiza bwawo no kuwongerera agaciro;

2.6 Guteza imbere uburyo bwo kumenyekanisha ikoranabuhanga;

2.7 Kumenya mu buryo bwihuse amakuru arebana n'amabwiriza agenga uburyo bwo gukumira ibyorezo.

**Imiterere y'ubutaka**

Uburyo bukomatanyije bukoreshwa mu bushakashatsi ku miterere y'ubutaka buzongera ubushobozi kugira ngo buhinduke uburyo bw'ingenzi bwo kuzuzanya kw'ibinyabuzima butuma ibihingwa, inyamaswa n'abantu bibaho.

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) cyane cyane, na Minisiteri y'Ubutaka n'Amashyamba (MINILAF).

**Ibizakorwa**

2.8 Kuvugurura amakarita y'ubutaka no kugura no gusuzuma ibikoresho byihariye bikoreshwa mu kumenya ingano y'ifumbire yakoreshwa bitewe n'ubwoko bw'ubutaka. Hazashyirwaho gahunda yo gukurikirana isakazamakuru ku bwoko bw'ubutaka.

2.9 Ubushakashatsi ku ikoreshwa ry'ifumbire iboneka hifashishijwe ikoranabuhanga mu by'ibinyabuzima, n'ifumbire y'imborera mu bahinzi;

2.10 Gushyira imbaraga ku bushakashatsi buhuza ibiti/ibihingwa/ubutaka no gushyiraho uburyo bukwiye n'ikoranabuhanga byo kongera ibiti bivangwa n'imyaka;

2.11 Guteza imbere ubuhinzi bwo mu mijyi binyuze mu gushyiraho ikoranabuhanga ryo kubona umusaruro w'ubuhinzi rijyanye n'ubuhinzi buberanye n'imijyi;

2.12 Kwibanda ku musaruro w'umuhinzi bw'imbere mu gihugu no ku gutubura imbuto zujuje ubuziranenge mu rwego rwo kongera ingemwe z'ibiti bivangwa n'imyaka.

2.13 Gukora ubushakashatsi ku buryo buboneye bwo kuhira.

**Ibikomoka ku matungo**

Mu rwego rwo kongera umusaruro w'ibikomoka ku matungo, hakenewe gushyira imbaraga mu kuvugurura ubwoko bw'amatungo, gukemura ikibazo cy'ibiryo n'ubuzima bw'amatungo.

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) n'Urugaga rw'Abikorera (PSF).

**Ibizakorwa**

2.14 Guteza imbere uburyo bwo kuvugurura ubwoko gakondo kugira ngo haboneke amatungo ashobora kwihanganira amapfa n'indwara;

2.15 Gushyigikira uburyo bukorwa mu giturage bwo kubangurira no guhitamo ubwoko bw'amatungo kugira ngo babone ubwoko bwiza bw'amatungo kimwe no kubona amatungo anyuranye kugira ngo azabashe kugira ubudahangarwa binyuze mu gufata neza ubwoko gakondo;

2.16 Gushyiraho ibigo bibika bikanatera intanga;

2.17 Gukora ubushakashatsi ku ndwara z'amatungo, inkingo n'imiti;

2.18 Gukora ubushakashatsi bugamije kongera intungamubiri mu bwatsi bw'amatungo;

2.19 Guteza imbere ubushakashatsi ku bikomoka ku matungo bitandukanye;

2.20 Ku bufatanye n'abikorera, gukora ubushakashatsi ku buryo bwo kugaburira amatungo;

2.21 Kongera ubushobozi bwo gukora ubushakashatsi ku matungo;

2.22 Gukora ubushakashatsi ku kongerera agaciro ibikomoka ku matungo;

2.23 Kunoza uburyo bwo gukwirakwiza ikoranabuhanga rikoreshwa ku matungo.

## Uburobyi n’ubworozi bwo mu mazi



**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y’Ubuhinzi n’Ubworozi (MINAGRI), Urugaga rw’Abikorera (PSF) na Minisiteri y’Ubucuruzi n’Inganda (MINICOM).

**Ibizakorwa**

2.24 Gushyira imbere uburyo bwo kugaburira amafi no guteza imbere ikoranabuhanga mu kongera umusaruro w’amafi;

2.25 Ubushakashatsi ku kugabanya iyangirika ry’umusaruro w’amafi, ubwiza bw’amafi no kuwongerera agaciro;

2.26 Gukora ubushakashatsi ku kubyaza umurama w’amafi;

2.27 Guteza imbere ubumenyi mu bushakashatsi ku bworozi bwo mu mazi.

**Gushaka amasoko**

Gushakisha amasoko amasoko y'imbere mu gihugu, mu karere no hirya no hino ku isi ni ingenzi cyane.

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) na Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM).

**Ibizakorwa**

2.28 Kugaragaza ibicuruzwa n'ubwoko bw'ibihingwa bikunzwe n'abaguzi hashingiwe ku masoko bizagemurwaho (mu cyaro/ umujyi, mu karere no ku rwego mpuzamahanga), kandi bizagira umusaruro muri iki gihe ndetse no mu kizaza mu turere bihingwamo;


2.29 Kwibanda ku gushaka amasoko y'imbere mu gihugu hagaragazwa ikibazo cy'imirire, kugaragaza ibijyanye n'uko umusaruro ugurwa hamwe n'aho bihurira n'umusaruro, isesengura ry'ubucuruzi, ingaruka z'amategeko n'amabwiriza;

2.30 Gukora ubushakashatsi ku masoko yo mu karere n'ayo ku rwego mpuzamahanga mu kugaragaza uko u Rwanda ruhagaze kuri yo;

2.31 Gushyigikira ubushakashatsi bugaragaza amasoko acuruzwamo ibicuruzwa runaka no gushaka ibisubizo ku buryo budahenze kandi birambye ku bijyanye n'imbogamizi mu rwego rw'ibikoresho; kimwe no guharanira kubahiriza ibipimo by'ubwiza n'ubuziranenge bisabwa kuri buri cyiciro mu ruhererekane nyongeragaciro.

## 4.6.2 Kongera ubushobozi mu bushakashatsi

**Guteza imbere ibikorwaremezo by'ubushakashatsi n'abakozi**




*Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) izakora ibikorwa bikurikira:*

**Urwego rubishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) cyane cyane

**Ibizakorwa**

2.32 Kuvugurura ibikoresho by'ubushakashatsi n'uburyo bwo kubika amakuru hifashishijwe murandasi;

2.33 Gusana no kuvugurura ibikorwaremezo bya Leta bikoreshwa mu bushakashatsi. Urugero: laboratwari nshya, ibigo by'ubushakashatsi, inzu zihingwamo, inyubako zikoreshwa mu buhinzi bwo mu mazi, inyubako zikorerwamo ubushakashatsi ku buryo bwo kubikamo umusaruro n'ububiko bw'uturemangingo;

2.34 . Kongera abakozi bakora ubushakashatsi mu duce tw'ingenzi. Ubushobozi bukwiye buzashyirwa mu kongerera ubushobozi abashakashatsi no gushyiraho uburyo bwo kugumana abakozi b'inzobere mu by'ubumenyi.

**Gushyira ingufu mu mikoranire**

Gushyira imbaraga mu mikoranire n'abashakashatsi ku rwego rw'akarere no ku rwego mpuzamahanga bishobora kuzana impinduka igaragara uhereye ku rwego ruto rw'ubushakashatsi mu gihugu, bityo bi kongerera ubumenyi abo mu gihugu.

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC).

**Ibizakorwa**

2.35 Gushyiraho no gushyigikira uburyo bwo guhanahana amakuru kugira ngo hagerwe ku ikoranabuhanga ku buryo bwihuse kandi buihendutse no kugera ku bikoresho n'ubushobozi by'ibigo by'ubushakashatsi byo mu gihugu na mpuzamahanga;

2.36 Gushishikariza abahanga n'abashakashatsi b'Abanyarwanda gukoresha ibikoresho by'ubushakashatsi haba mu gihugu no ku rwego mpuzamahanga, hamwe no gukora ingendoshuri kugira ngo bateze imbere imikoranire n'abashakashatsi bo mu karere n'abo mu mahanga.

2.37 Gushyira amafaranga mu kubona ibyangombwa n'uburenganzira binyuze mu mikoranire mu bushakashatsi. Muri ubwo buryo, ikoranabuhanga ryagezweho mu bindi bihugu rizagera no mu Rwanda ku buryo bworoshye ku nyungo y''abagenerwabikorwa;
2.38 Koroshya uburyo bwo gukora igeragezwa ry'ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu Rwanda;
2.39 Gushyiraho "imbuga zihuriramo abashakashatsi" kugira ngo hatezwe imbere ibiganiro no guhuza ubushakashatsi n'iyamamazabuhinzi.

### 4.6.3 Guhanga udushya

Intego rusange ni ukugeza ubushakashatsi mu mibereho y'abantu hatangwa agahimbazamusyi ku bigo by'ubushakashatsi hamwe n'abikorera kugira ngo batangize ikoranabuhanga n'ubburyo bwo gukora ubucuruzi bishya.

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Urugaga rw'Abikorera (PSF), Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) na Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF).

**Ibizakorwa**

2.40 Gushyiraho ikigo cy'ikitegererezo mu gukoresha imashini mu buhinzi kugira ngo zireberweho kandi zigeragerezweho ikoranabuhangamu kuzikoresha;
2.41 Guteza imbere uburyo bwo gukoresha imashini ku rwego rw'umuhinzi no mu ruhererekane nyongeragaciro binyuze mu guhuza abahinzi n'abacuruza iryo koranabuhanga;
2.42 Gushyiraho ikigo gitanga serivisi zo gufasha abahinzi mu gukoresha imashini kugira ngo kibafashe mu kuzikoresha no kuzisana igihe zagize ikibazo;

2.43 Gushyira imbaraga mu kugabanya imvune abahinzi bahura nazo by'umwihariko ku bagore bityo bakabona umwanya wo gukoresha neza igihe mu bindi bikorwa bibyara inyungu, kugaburira abana, kubitaho n'ibindi.

## 4.6.4 Serivisi z'iyamamazabuhinzi



Politiki y'igihugu y'ubuhinzi iteza imbere uburyo bwinshi bwo gutanga serivisi z'iyamamazabuhinzi bujyanye n'uburyo butandukanye harimo ubwo kugera ku musaruro, ingano y'imurima, ubushobozi, uburyo bw'imibereho, kugira ngo haboneke ibisubizo by'ukuri ku bibazo bihari.

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Urugaga rw'Abikorera (PSF), Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) n'Urugaga rw'Abikorera (PSF).

**Ibizakorwa**


2.44 Kwagura serivisi z'iyamamazabuhinzi zikorwa na Leta harimo kwerekeza amaso mu bucuruzi, imirire, uburinganire, no kuzigama, gukoresha amakuru arebena n'ikirere, uburyo bukomatanyije bwo kurwanya indwara n'ibyonnyi ndetse n'uburyo bwiza bwo guhinga budaumanya ikirere;

2.45 Guteza imbere uburyo bwo gusakaza ubumenyi n'ubwo kungurana ibitekerezo;

2.46 Guteza imbere uburyo urwego rw'abikorera rutanga serivise z'iyamamazabuhinzi;

2.47 Kuvugururura imikorere y'inzego: gushyira imbaraga mu isuzuma mikorere n'uburyo bwo gushishikaza hagamijwe kuzamura ikigereranyo cyo kuzuza inshingano zo gutanga serivise z' ubujyanama.

### 4.6.5 Guteza imbere ubumenyi




*Muri iki gice, Politiki y'Igihugu y'Ubuhinzi iteganya ibikorwa 2 bigomba kwitabwaho.*

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC) na Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM)

**Ibizakorwa**

2.48 Kwifashisha imiterere y'inzego nk'urwego rureberera abafatanyabikorwa banyuranye na komite zikurikirana ibikorwa kugira ngo zifashe mu buhuzabikorwa no kureba ko ibyo isoko risaba bishyirwa mu mfashanyigisho ztegurwa no mu kwigisha;

2.49 Gushyira inganda zitunganya ibiribwa n'itangwa rya serivisi ku bahinzi (urugero: ubukanishi, ubwubatsi,) mu Mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro, no gutanga ubumenyi mu bindi

nk'icungamutungo, gushaka amasoko, gupfunyika ibicuruzwa no kubishyiraho ibirango.

### 4.6.6 Urubyiruko n' abagore




Kugira ngo urubyiruko n'abagore bagire ubushobozi by'umwihariko mu bijyanye n'ubucuruzi no gukorera isoko, urubyiruko rukeneye guhabwa amahugurwa ndetse n'ubufasha byihariye.

Kongera ubushobozi abagore mu rwego rw'ubukungu bizashyigikirwa binyuze mu kubongerera ubumenyi ngiro no kuborohereza kubona inyongeramusaruro.

**Inzego zibishinzwe**
Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Urugaga rw'Abikorera (PSF).

**Ibizakorwa**


2.50 Kugerageza uburyo bushya aho impuguke mu rwego rw'abikorera zizajya zigisha urubyiruko rukirangiza amashuri binyuze muri gahunda nsakazamakuru zitandukanye;

2.51 Kureba niba imfashanyigisho zigera ku bazikeneye kandi ziteguye ku buryo zishobora gukoreshwa n'abagore n'urubyiruko batagize amahirwe yo kwiga amashuri menshi.

2.52 Gutanga ubufasha bwateganyijwe ku bagore kugira ngo babashe kubona serivisi z'imari zikwiye zabafasha guhanga imirimo ibyara inyungu ishingiye cyangwa idashingiye ku buhinzi;

2.53 Korohereza abagore mu kubona amafaranga yo gutangiza ubucuruzi bw'ibikomoka ku buhinzi cyangwa se yo gushinga inganda ziciritse zitunganya umusaruro.

## 4.7 Inkingi ya 3: Kongera umusaruro no gukora ibiramba




Muri iyi nkingi ya 3, Politiki y'Igihugu y'Ubuhinzi ifite inshingano nyamukuru zo kugabanya uburyo ubutaka bukoreshwa ubutaruhuka, ihindagurika ry'ibihe, kubura inyongeramusaruro n'ubuke bwazo kimwe no kuziba icyuho kigaragara mu kubura poroteyine ziva mu

kurya ibikomoka ku matungo.

### 4.7.1 Kongera ubushobozi bw'ubutaka bwo gutanga umusaruro ku buryo burambye

Gukora ibikorwa by'ubuhinzi bitabangamira ikirere no kwibanda cyane cyane ku bihingwa byinjiriza umuhinzi cyane kandi bifite amahirwe yo kubonerwa amasoko bizatuma umusaruro w'ubuhinzi n'ubushobozi bwo gutanga umusaruro byiyongera ku buryo burambye.

**Kongera ubushobozi bw'umurima bwo gutanga umusaruro mu buryo burambye**

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) na Ministeri y'Ibudukikije (MoE)

**Ibizakorwa**

3.1. Guhitamo ibihingwa n'amatungo hagendewe ku kamaro bifite ndetse no gusobanukirwa n'imiterere y'aho bikorerwa (ubutaka, ikirere);

3.2. Guteza imbere gahunda ikomatanyije yo kubungabunga uburumbuke bw'ubutaka ihuza ubuhinzi butangiza ibidukikije, kugarura ibikenewe no kongera gukoresha mu guhinga ifumbire zikungahaye ku myunyu binyuze mu gukoresha ifumbire y'amatungo, ibisigazwa by'imyaka n'ifumbire y'imborera;

3.3. Gushyigikira uburyo bwo gukora ifumbire y'imborera no gutanga amahugurwa ku mikoreshereze yayo nk'igice cy'uburyo bukomatanyije bwo kubungabunga uburumbuke bw'ubutaka bikajyana kandi n'ubwisanzure mu bucuruzi bw'inyongera

musaruro;

3.4. Guteza imbere uburyo bukomatanyije bwo kurwanya indwara n'ibyonnyi. Uburyo karemano bwo kurwanya ibyonnyi buzatezwa imbere ku buryo bushoboka, mu buryo budashobora kwangiza, ndetse no guhugura abahinzi ku buryo bwo gutera imiti yica udukoko no kubereka ingaruka zaterwa n' ikoreshwa ryayo.

3.5. Kubaka urwego rw'abikorera bakora mu itegurwa rw'imbuto mu nzego z'ibanze binyuze mu kubafashwa mu buryo bwo kuhira, kwita ku mbuto no kuzibika neza;

3.6. Gushyigikira ikorwa n'ikoreshwa ry'ifumbire ijyanye n'ubutaka;

3.7. Koroshya uburyo bwo kubona inyongeramusaruro binyuze mu guteza imbere ikoreshwa ry'imbuto n'ifumbire bishingiye ku kongera imikoranire y'abacuruza inyongeramusaruro;

3.8. Guteza imbere kwizigama kugira ngo bazabashe kubona inyongeramusaruro no kujya mu ruhererekane nyongeragaciro;

3.9. Guteza imbere no gushyigikira ibihingwa bifite agaciro ko hejuru.

**Gukemura ikibazo cy'ubutaka butatanye**

Hazibandwa ku bikorwa bifatika mu gukemura ikibazo cy'ubutaka butatanye.

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC), Minisiteri y'Ubutaka n'Amashyamba (MINILAF), n'Urugaga rw'Abikorera (PSF).

**Ibizakorwa**

3.10. Guhitamo no kurinda ubutaka buhingwaho, bisaba imikoranire n'inzego ku rwego rw'ibanze. Ibi bizashingira ku miterere

y'ubutaka kugira ngo hagenwe ikoreshwa ryabwo n'icyo bwatangamo umusaruro;

3.11. Gutangaza mu igazeti ya Leta urutonde rw'ubutaka buhingwaho hakoreshejwe Uburyo bwo gutanga amakuru ku butaka bukorerwaho ubuhinzi (ALIS), harebwa neza ko imirima igomba kwandikwa kandi ikagaragara kuri urwo rutonde;

3.12. Gushishikariza ubufatanye mu bahinzi n'amakoperative mu rwego rwo kuzamura ubushobozi bwo gutanga umusaruro, kongera umusaruro n'ubucuruzi no gukemura ikibazo cyo gutatana k'ubutaka;

3.13. Gushyiraho uruhare rwa politiki mu gushyira imbaraga mu mategeko no mu gutuma habaho uburyo bwiza bwo gukora mu rwego rwo kunoza uburyo abahinzi bo mu cyaro bagira uruhare mu kugurisha ubutaka mu buryo buzwi by'umwihariko binyuze mu ikodesha-gurisha;

3.14. Gushishikariza kuzamura umusaruro uva ku butaka buto;

3.15. Guteza imbere ibikorwa byo gufata neza ubutaka mu buryo burambye hakemurwa ikibazo cy'isuri no kwangirika k'ubutaka;

3.16. Gukomeza gushyira imbaraga mu gukora amaterasi akozwe n'abaturage;

3.17. Gushishikariza abahinzi gukoresha uburyo budahenze bwo kurwanya isuri nko: gucukura ibyobo bifata amazi, gucukura imiringoti, guca inzira z'amazi; ingamba zo kurwanya isuri: gutera ibiti cyangwa ibyatsi ku nkengero z'imirima, gutera ibyatsi bimara igihe kirekire cyangwa gito ku nkengero z'imirima, gutera ibiti bikumira umuyaga wakwangiza imyaka, gutera ibyatsi bigaburirwa amatungo, gukoresha ku buryo buhoraho cyangwa bw'igihe gito ibyatsi biterwa ku nkengero, n'ibindi; ndetse no gutera ibiti bivangwa n'imyaka:kubivanga n'imyaka, gutera ibiti mu mirima, uruzitiro rw'ibiti, ibiti bikumira umuyaga, ibitanga imburo ziribwa n'ibigumisha azote mu murima, ibirwanya isuri n'ibindi.

**Guteza imbere uburyo bwo kuhira no kubungabunga amazi mu buryo burambye**

Uburyo bwo gufata neza amazi burakenewe mu rwego rwo gukemura ikibazo cy'imihindagurikire y'ibihe, icy'ubutaka buhingwa bugiye butatanye no kutagengwa n'imvura gusa mu mihingire y'umuhinzi. Kuhira bifite akamaro cyane ariko birahenze, ariyo mpamvu abikorera bakwiye kubigiramo uruhare.

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC), Ministeri y'Ibudukikije (MoE), Abikorera n'Urwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB).

**Ibizakorwa**

3.18. Kongera ubuso bw'ubutaka bwuhirwa;

3.19. Guteza imbere uruhare rw'abikorera mu gucunga ibikorwaremezo byo kuhira no gushyiraho uburyo bwo gukusanya amafaranga yo kubyitaho;

3.20. Kureshya abikorera no gushaka inkunga zo hanze mu guteza imbere igikorwa cyo kuhira;

3.21. Gukomeza kongera ubushobozi bwo gufata amazi ku rwego rw'umurima, kuyabika, ndetse no kuyakoresha, gushyiraho uburyo bwo gucunga amazi ari mu butaka, no kuvugurura uburyo bwo gukamya amazi no kwirinda imyuzure.

**Guteza imbere ibihingwa by'agaciro bitandukanye**

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) n' abikorera

**Ibizakorwa**

3.22. Guteza imbere abakora mu rwego rwo guteza imbere ibihingwa bifite agaciro. Urugero: Imboga, imbuto n'indabo; ndetse n'ibindi bihingwa bitandukanye bifite agaciro;

3.23. Kongera ubwoko bw'ibihingwa bijyanwa ku isoko mpuzamahanga (icyayi n' ikawa) binyuze mu kubitandukanya hakurikijwe ibisabwa ku isoko mpuzamahanga.

### 4.7.2 Kongera umusaruro w'ibikomoka ku matungo

Gushyira ingufu mu bworozi bw'amatungo ya kijyambere, ibiryo by'amatungo, ubuzima bw'amatungo, isoko ry'amatungo n'ibiyakomokaho, ndetse no kongerera agaciro umusaruro uyakomokaho ni ingenzi mu kongera umusaruro bityo hakaboneka amahirwe yo kubona amafaranga aturuka ku bintu bitandukanye cyane cyane ku bagore, urubyiruko ndetse no ku baturage baciriritse.

**Iterambere ry'ubworozi**

Politiki y'Igihugu y'Ubuhinzi igaragaza ibikorwa by'ingenzi bizitabwaho.

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC), Minisiteri y'Ubuzima (MINISANTE), RCVD (Urugaga rw'Abavuzi b'Amatungo mu Rwanda), abikorera n'imiryango itegamiye kuri Leta

**Ibizakorwa**

3.24. Gufasha abahinzi-borozi kubangikanya ubuhinzi n'ubworozi mu rwego rwo gukoresha neza imyunyungugu iri mu butaka no

gushyira imbaraga mu kurwanya indwara n'ibyonnyi;

3.25. Guhugura aborozi ku byerekeye uburyo bwo korora burimo kubaka ibiraro n'imicungire y' ibiryo by'amatungo bagendanye n'ubushobozi bafite;

3.26. Guteza imbere uburyo bwo guhunika ibiryo by'amatungo ku rwego rw'urugo/abaturage no gutera ibyatsi by'amatungo byera vuba cyangwa ibiti bigaburirwa amatungo bimara igihe mu mashyamba ari bugufi bwabo cyangwa mu butaka badakeneye guhingwa vuba (bwarajwe);

3.27. Guteza imbere iboneka ry'imbuto z'ibyatsi bigaburirwa amatungo n' ingemwe zo gutera mu rwego rwo guteza imbere uburyo bwo kugaburira amatungo n'ubucuruzi bw'ibyatsi bigaburirwa amatungo;

3.28. Gushyiriraho agahimbazamusyi abikorera bashora imari mu gukora ibiryo by'amatungo;

3.29. Kwagura kurushaho kugirango hakoreshwe uburyo burambye bwo gushyigikira icyemezo cyo kongera umusaruro w'ibikomoka ku bworozi (SIDESS) nk'igikoresho cyo guteganya ku matungo maremare asanzwe ahari kugera ku rwego rw'igihugu;

3.30. Guteza imbere ubushobozi bwa serivisi z'ubuvuzi bw'amatungo burebana n'ibikorwa byo kugenzura indwara, inkingo, ubushobozi bwo kuzisuzuma, kuburira aborozi hakiri kare no gutanga ubutabazi bwihuse;

3.31. Guteza imbere uburyo bumwe bw'ubuvuzi kugira ngo hakumirwe uruhererekane rw'indwara hagati y'abantu n'amatungo;

3.32. Gutangiza gahunda yo kwambika amaherena amatungo no kubika amakuru arebana n'amatungo mu rwego rwo koroshya uburyo bwo gukumira indwara mu matungo ndetse no gufasha aborozi ku bijyanye n'amafaranga bakoresha ku matungo;

3.33. Gushyigikira uburyo bwo kubangurira amatungo no guhitamo ubwoko bwiza bw'amatungo kugira ngo haboneke ubwoko bwiza

butanga umusaruro;

3.34. Gushyira imbaraga mu gikorwa cyo gutera intanga amatungo hongerwa ubushobozi bw'aborozi, abajyanama mu bworozi, n'abakora iyamamazabworozi;

3.35. Gushyiraho ibigo bishinzwe kubangurira amatungo;

3.36. Guteza imbere amatungo magufi;

3.37. Gushishikariza abikorera gushora imari mu kubungabunga ibikorwa remezo bigamije kongera ubwiza n'umusaruro w'ibikomoka ku matungo;

3.38. Guteza imbere uburyo bwo gutunganya umusaruro w'ibikomoka ku matungo no kwita ku buziranenge bwabyo.

**Iterambere ry'uburobyi n'ubworozi bwo mu mazi**

Ibikorwa bijyanye n'uburobyi n'ubworozi bwo mu mazi bizakomeza kwitabwaho

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) n'abikorera.

**Ibizakorwa**

3.39. Gufasha abaturage n'abikorera mu kongera umurama w'amafi kugira ngo hongere hashyirwe amafi y'ubwoko bwa kijjambere mu biyaga no mu byuzi;

3.40. Kongerera ubushobozi no gushyiraho uburyo bwo gushishikariza abatunganya ibiryo byiza by'amafi;

3.41. Gushishikariza abikorera gushora imari mu bworozi bw'amafi ahantu hazitiye;

3.42. Guteza imbere ubucuruzi bw'ibituruka ku burobyi ndetse n'ubworozi bwo mu mazi hashyirwaho ibikorwaremezo bisabwa (ibyumba bikonjesha, imodoka zifite ibyumba bikonjesha);

3.43. Gushyigikira kongerera agaciro ibikomoka ku mafi n'ubworozi

bwo mu mazi.

### 4.7.3 Iterambere ry'ubuvumvu

Ibikorwa bijyanye n'iterambere ry'ubuvumvu bizakomeza kwitabwaho.

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) n'Abikorera.

**Ibizakorwa**

3.44. Gutanga amahugurwa ndetse no koroshya uburyo bwo kubona inyongeramusaruro by'umwihariko imitiba ya kijyambere;

3.45. Gushyiraho amabwiriza agenga uburyo bwo kubona umusaruro w'ubuki bubangikanye n'uburyo bwo kurinda indwara mu bihingwa;

3.46. Kongerera agaciro ibikomoka ku nzuki ndetse n'ubukerarugendo;

3.47. Kubaka ubushobozi mu bijyanye no kubahiriza ibipimo by'ubwiza n'ubuziranenge bisabwa ku masoko y'ubuki n'ibindi bikomoka ku buvumvu.

### 4.7.4 Kubaka ubushobozi mu guhangana n'ihindagurika ry'ibihe mu baturage b'abahinzi

Kugira ngo hagabanywe ingaruka mu baturage, hagomba gushyirwaho uburyo buboneye bwo guhangana n'ibibazo bitandukanye.

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Minisiteri y'Ibidukikije (MoE), Minisiteri y'Ibiza n'Ubutabazi (MIDIMAR), Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Iteganyagihe (Méteo Rwanda) na

Minisiteri y’Ubutegetsi bw’Igihugu (MINALOC).

**Ibizakorwa**

3.48. Kubaka no kumenyekanisha uburyo bwo kwirinda ingaruka z’ibiza zaboneka ako kanya cyangwa nyuma y’igihe.

3.49. Kubaka ubushobozi bugamijwe gukemura imbogamizi ziri mu buhinzi ndetse no mu biribwa (Ibikoresho byo guteganya, uburyo bwihuse bwo kumenya ibikenewe no kubibona, gutegura no kuvugurura gahunda zo kwitegura no kuzihuza n’imiterere y’ahantu no gusana ibyangiritse hagamijwe iterambere rirambye);

3.50. Gutegura no gushyira mu bikorwa gahunda yo kuburira abantu hakira kare ndetse n’uburyo bwo gushaka ibisubizo ku buryo bwihuse (iteganyagihe ku gihembwe no gukurikirana);

3.51. Guhuza ibikorwa birebana na serivisi z’iteganyagihe no kubaka ubushobozi no gukusanya amakuru, kuyatunganya, kuyasesengura no kuyakwirakwiza.

**Ubwishingizi bw’ ubuhinzi**

Politiki y'Igihugu y’Ubuhinzi izirikana akamaro ko gushyiraho no guteza imbere ibikorwa na serivisi zitangwa n’ibigo bicirirtse mu guhangana n’ingaruka zigaragara mu buhinzi.

**Urwego rubishinzwe**

Minisiteri y’Ubuhinzi n’Ubworozi (MINAGRI).

**Ibizakorwa**

3.52. Gutegura no gushyira mu bikorwa gahunda y’ubwishingizi mu buhinzi n’ ubworozi.

**Kuremera abatishoboye**

Mu guhangana n’ibibazo bikomeye abahinzi bahura nabyo, guhuza gahunda z’ubuhinzi n’izigamije kubungabunga imibereho myiza

y'abaturage zateganyijwe muri gahunda yo kuremera abatishoboye zigenewe guteza imbere amahirwe ari mu musaruro n'inyungu iwukomokaho.

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) n'abikorera.

**Ibizakorwa**

3.53. Kwagura igikorwa kikava ku gutanga inka kikagera ku gutanga amatungo magufi;

3.54. Kurushaho guhuza inkunga isanzwe itangwa mu buhinzi na gahunda yo guteza imbere imibereho y'abaturage ya (VUP).

## 4.8 Inkingi ya 4: Amasoko adaheza n'imirimo idashingiye ku buhinzi

Iyi nkingi ishingiye ku mabwiriza ya politiki ane agamije kugera ku ntego z'igihugu zo kugabanya ubukene, kwihaza mu biribwa ndetse n'imirire myiza.

Ayo mabwiriza ane ni aya:

a) Gushyira imbaraga mu gufata neza umusaruro no kuwushakira isoko binyuze mu ruhererekane nyongeragaciro rusaba ibikorwaremezo byoroheje cyangwa bihambaye;

b) Kumenyekanisha mu baguzi ahari ibiribwa byiza no kubibagezaho;

c) Guteza imbere ubwiza bw' ibiribwa, kubigeza ku masoko no kwagura uburyo babona ibyemezo by' ubuziranenge;

d) Gushyiraho uburyo bunonosoye bwo gukora uruhererekane nyongeragaciro kugira ngo habyazwe umusaruro amahirwe ari mu kohereza mu mahanga ibicuruzwa bitandukanye.

### 4.8.1 Gukusanya umusaruro no kuwufata neza

Bitwe n'ikigereranyo cy'umusaruro wangirika kiri ku rwego rwo hejuru mu Rwanda, kugabanya iyangirika ry'umusaruro ndetse no guteza imbere uburyo bwo guhunika bikeneye gushyirwamo imbaraga binyuze mu guteza imbere ubushobozi, ikoranabuhanaga n' ibikorwaremezo.

**Kwita ku musaruro**

Kubera ko ikigeranyo cy'umusaruro wangirika mu Rwanda kiri ku rwego rwo hejuru, ni ngombwa gufata neza umusaruro kugira ngo ugere ku isoko utangiritse.

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN), Minisiteri y'Ibikorwa remezo (MININFRA) n'abikorera

**Ibizakorwa**

4.1. Kugira imihanda ihuza uduce turimo umusaruro n'amasoko uzagurishirizwamo mu turere mu bihembwe byose by'ihinga;

4.2. Guhuza ibikorwa n'abikorera mu kugabanya iyangirika ry'umusaruro hashyirwaho uburyo bunoze bwo gufata neza no kubika umusaruro (imbuga zo kwanikaho, amazu yo guhunikamo, ibigega, ibyumba bikonjesha, amasoko mu baturage, n'amakusanyirizo, aho barangurira umusaruro ndetse n'ibifasha iyoherezwa ry'ibicuruzwa mu mahanga nk'inzu bapakiriramo);

4.3. Guteza imbere udushya mu bikorera mu gucunga neza amazu n'ibikoresho bikoreshwa mu guhunika no kongerera umusaruro agaciro.

**Guteza imbere uburyo bwo kugirana amasezerano n'abahinzi no gukorera hamwe bigamije inyungu**

Muri iki gice, Politiki y'Igihugu y'Ubuhinzi ishimangira uburyo bwo

kugirana amasezerano hagati y'abantu bose bagira uruhare mu ruhererekane nyongeragaciro, kuko aribwo buryo bwiza bwo guhuza ibikorwa no kubanya ibyago byaza mu bucuruzi by'ibikomoka ku buhinzi. Biganisha ku gukorera hamwe no kubahiriza amasezerano ku bafatanyabikorwa bose.

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN), Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM) n'abikorera

**Ibizakorwa**

4.4. Gutegura amategeko afasha gukorera mu mucyo mu masezerano n'ishyirwa mu bikorwa ryayo.

4.5. Kubaka ubushobozi ndetse no gukangurira abahinzi inyungu mu gukora ubuhinzi bafite amasezerano.

### 4.8.2 Guteza imbere imirimo idashingiye ku buhinzi cyane cyane ku bagore n'urubyiruko

Binyuze muri Gahunda y'Igihugu yo guhanga imirimo (NEP), Leta y'u Rwanda irimo gushyigikira uburyo bwo kwihangira umurimo bitanga amahirwe cyane cyane ku bagore n'urubyiruko hagamijwe kugira ngo ayo matsinda yombi abone imirimo idashingiye ku buhinzi, bityo bahange imirimo mu cyaro.

Ubumenyi bukenewe buzashyirwamo imbaraga na Leta kugira ngo abenegihugu bashobore kwinjizwa mu mugambi mugari wo kugira igikorwa cyose kizane inyongera ku bungu.

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN), Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM), Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango

((MIGEPROF), Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC), Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo (MIFOTRA), Minisiteri y'Urubyiruko (MINIYOUTH) n'Urugaga rw'Abikorera (PSF).

**Ibizakorwa**

Gushyigikira gahunda yo guhanga imirimo no kongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi ;

4.6. Gushyiraho uburyo bwo kubona Imari no kubaka ubushobozi mu bigamije gutanga imirimo itari ubuhinzi ariko ifitanye isano nabwo ;

4.7. Guhuza ibikorwa na gahunda z'Igihugu zirebana no guhanga imirimo hagamijwe kwibanda cyane cyane mu duce tw'icyaro.

4.8. Gushyiraho ibikorwa bifasha kwimakaza ihame ry'uburinganire mu nzego zose.

4.9. Gutegura imishinga igamije kongerera urubyiruko ubushobozi mu rwego rw'ubuhinzi.

**Ibikomoka ku buhinzi bifasha kubona indyo yuzuye kandi biboneka ku amasoko y'a babikeneye**

Gahunda y'imirire n'uburezi ni ingenzi mu kugera ku mpinduka zerekeranye no guhindura imyumvire bigamije imirire myiza n'ibiribwa bikungahaye ku ntungamubiri.

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhnzi n'Ubworozi (MINAGRI), Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM) n'Urugaga rw'Abikorera (PSF).

**Ibizakorwa**

4.10. Gushyiraho umurongo ngederwaho w' imirire ku rwego rw'umuryango ;

4.11. Gutegura amahugurwa ngiro ku Bajyanama b'ubuzima, abamamazabuhinzi, n'abafashamyumvire mu buhinzi ;

4.12. Kwagura kurushaho no kuvugurura gahunda y'akarima k'igikoni ;
4.13. Kwagura gahunda y'uburyo bwo kubona ibiribwa bikungahaye ku ntungamubiri ;
4.14. Guhuza ibikorwa n'izindi gahunda zigamije gufasha abatishoboye mu gutanga amatungo magufi ;
4.15. Guteza imbere uburyo bwo gutanga amasoko mu nzego z'ibanze yo kugura ibiribwa bitandukanye bikungahaye ku ntungamubiri bigenewe ibigo by'amashuri ;
4.16. Kumenyekanisha no guhuza imbaraga ku bufatanye na Minisiteri y'Ubuzima hamwe na Minisiteri y'Ubutegitsi bw'Igihugu mu kugaragaza no gusubiza ibibazo byihariye by'imirire mibi binyuze mu gushora imari ku rwego rw'akarere mu buhinzi n'iterambere ry'icyaro.

### 4.8.3 Guteza imbere iboneka ry'ibiribwa mu buryo buhoraho biciye muri gahunda y'igihugu yo guhunika imyaka

Politiki y'Igihugu y'Ubuhinzi ishyigikira gahunda yo guhunika ibinyampeke kugira ngo haboneke ibiribwa igihe cyose. Ibikorwa bijyanye na byo bizakurikiranwa byihuse.

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhnzi n'Ubworozi (MINAGRI), Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM) n'Urugaga rw'Abikorera (PSF)

**Ibizakorwa**

4.17. Guteza imbere uburyo bw' ikusanyamakuru n'isesenguramakuru kugira ngo abantu baburirwe hakiri kare ku birebana no kwihaza mu biribwa ;

4.18. Kwegereza abaturage ibinyampeke ku rwego rw'uturere n'imirenge mu rwego rwo kongera kwitegura kuzihaza mu biribwa ;

4.19. Kongera imbaraga mu mikoranire n'abikorera bashora imari mu guhunika imyaka kugira ngo ibe yakwifashishwa igihe havutse ikibazo ku masoko.

**Amasoko n'uburyo bwo kubona amakuru y'ubucuruzi**

Kunoza uburyo abahinzi, abacuruzi, n'abaguzi babonamo amakuru yizewe ajyanye n'isoko, ni ngezi mu kugabanya ubukene, bityo bikazana impinduka mu gufata ibyemezo birebana n'umusaruro, ubucuruzi n'imari.

**Inzego zibishinze**

Minisiteri y'Ubuhnzi n'Ubworozi (MINAGRI), Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM) n'Urugaga rw'Abikorera (PSF).

**Ibizakorwa**

4.20. Kwagura uburyo bwo kubona amakuru rusange arebana n'ibiciro hamwe n'umusaruro, ndetse no guhuza abahinzi bato n'amasoko, amakoperative, abacuruzi, n'inganda zitunganya umusaruro no gushyiraho uburyo bwo kwishyura hakoreshejwe telefone ngendanwa mu rwego rwo koroshya uburyo bwo kwishyurana;

4.21. Gushyiraho uburyo bwo gutanga ibiciro hakoreshejwe ikoranabuhanga mu itumanaho ku ikawa n'icyayi mu rwego rwo kongera amasoko y'ikawa n'icyayi by'ubwoko bwiza. Ibi bizongera igiciro cyari gisanzwe ku isoko rizwi nka "*Cup of Excellence*".

**Ibipimo bisabwa ku bwiza n'ubuziranenge bw'ibiribwa**

Ubwiza bw'ibiribwa ni ngombwa kugira ngo abantu bagire ubizima bwiza no kugiran go bizagere ku muguzi wa nyuma ku isoko. Hamwe n'izindi nzego, Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi izaharanira gushyira mu bikorwa ibikurikira.

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM), Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge (RSB), Minisiteri y'Abakozi ba Leta n'Umurimo (MIFOTRA), n'Urugaga rw'Abikorera (PSF).

**Ibizakorwa**


4.22. Gushyiraho no kubahiriza ibipimo by'ubuziranenge hagamijwe kurengera ubuzima rusange bw'abaturage no kugira ngo ibicuruzwa bibashe kugera ku masoko y'imbere mu gihugu, mu karere ndetse n'amasoko mpuzamahanga;

4.23. Kongerera imbaraga serivisi zirebana no gutsura ubuziranenge n'iz'ubugenzuzi;

4.24. Kubaka ubushobozi no kugeza ku bantu ibyiza b'ubuziranenge no gutsura ubuziranenge;

4.25. Kubaka ubushobozi mu rwego rw'ibikorwa remezo hagamijwe kwita ku bwiza bw'umusaruro n'iyubahirizwa ry'ibipimo by'ubuziranenge.

### 4.8.4 Kongera umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi byoherezwa mu mahanga




U Rwanda rufite intego yo kuba igihugu kizwiho kohereza mu mahanga ibicuruzwa bikomoka ku buhinzi bifite ubwiza buhebuje kandi ku buryo buhoraho mu karere ndetse no ku isi.

**Inzego zibishinzwe**

Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda (MINICOM), Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) n'Ikigo gishinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB).

**Ibizakorwa**

4.26. Kumenyekanisha no guteza imbere ibicuruzwa bikomoka ku buhinzi byo mu Rwanda kugira ngo bibashe kujyanwa ku masoko yihariye;

4.27. Gukomeza gushyira imbaraga mu kuzamura umusaruro

w'ikawa n'icyayi;

4.28. Kongera imbaraga mu gufatisha amasoko yo mu gihugu, mu karere ndetse no ku mugabane;

4.29. Kugira imikoranire myiza n'inzego za Leta hagamijwe gushyira mu bikorwa amasezerano y'ubucuruzi bwambukiranya imipaka ndetse no kunoza uburyo bwo guhuza ibikorwa.

## 5. Uko politiki izashyirwa mu bikorwa

Mu gushyira mu bikorwa ibiteganyijwe muri iyi politiki, hakenewe ubufatanye hagati y'abafatanyabikorwa ibigo bya Leta by'ubushakashatsi, inzego z'ubuyobozi bwite bwa Leta n'izegerejwe abaturage, abikorera, abafatanyabikorwa mu iterambere, imiryango itegamiye kuri Leta n'abandi. Ubwuzuzanye hagati ya Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi n'izindi minisiteri ni ingenzi kugira ngo ibiteganijwe byose bizashobore gushyirwa mubikorwa.

### Ku rwego rwa Minisiteri

Kugira ngo izi nkingi zose uko ari enye zigerweho, Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi ari rwo rwego ruyoboye iyi gahunda, hamwe n'ibigo biyishamikiyeho; izashishikariza abafatanyabikorwa mu buhinzi gushyira mu bikorwa iyi politiki binyuze mu buryo bukurikira:

i) **Itsinda ry'abafatanyabikorwa mu buhinzi n'ubworozi**

Urubuga rushinzwe guhuza ibikorwa ku bibazo by'ibanze birebana n'iterambere ry'ubuhinzi. Abanyamuryango baryo bagizwe n'abafatanyabikorwa mu iterambere, imiraryngo itagengwa na Leta, abikorera, imiryango itegamiye kuri Leta, amashyirahamwe

y'abahinzi, ibigo by'imari, n'inzego za Leta.

ii) **Itsinda rito ry'abafatanyabikorwa mu buhinzi n'ubworozi**

Rireba biriya bice bitanu byihariye aribyo: iterambere ry'ibihingwa, iterambere ry'ubworozi, ubucurizi bw'ibikomoka kubuhinzi, amasoko, n'iterambere ry'ibyoherezwa mu mahanga; iteganyamigambi n'ingengo y'imari. Iri tsinda rigamije guteza imbere uruhare rw'abafatanyabikorwa mu birebana n'iteganyamigambi, ikurikiranabikorwa, ubujyanama, guhuza ibikorwa no gushakira amafaranga uru rwego.

**iii) Itsinda ryaguye rirebana n'uburyo bw'imikorere**

Rihuza Ministeri y'Ubuhinzi n'Ubworozi n'abaterankunga mu ngengo y'imari kugira ngo baganire ku birebana n'ingengo y'imari igenewe ibikorwa by'ubuhinzi.

## 6. Kuva kuri politiki herekezwa ku mu mishinga

Ibikorwa byateganyije muri Politiki y'Igihugu y'Ubuhinzi (NAP) bizashyirwa mu bikorwa binyuze muri Gahunda ya kane yo kuvugurura ubuhinzi n'ubworozi (PSTA 4) bikorwe ku rwego rw'uturere binyuze muri gahunda z'iterembere ry'akarere.

Ibikorwa by'iyi politiki bizategurwamo imishinga, maze nimara kwemerwa ishyirwe muri Gahunda y'ikoreshwa ry'amafaranga ry'igihe kigereranyije (MTEF)) hamwe n'ingengo y'imari y'umwaka kugira ngo ibashe gushyirwa mu bikorwa. Ibikorwa birimo bidasaba amafaranga bizakorwa binyuze mu ivugururwa rirebana n'amabwiriza n'amategeko.

## 7. Gushyira imbaraga mu kongera ubushobozi hagamijwe ibikorwa

Kugira ngo gahunda zigamije impinduka zigerweho, isesengura ryakorewe inzego ryagaragaje ko kongera ubushobozi bigomba

kwibanda ku bintu bitatu (3) bikurikira:

**(i). Uburyo bw'imikorere**

Uburyo inzego zihuza ibikorwa hagati yazo cyangwa n'izindi nzego hamwe n'uburyo bw'imikoranire.

(ii). **Imiterere**

Uburyo inzego zubatse, uko zikora, ubushobozi, n'uburyo zikorana na Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi n'ibigo biyishamikiyeho.

**(iii). Umuntu ku giti cye**

Ubumenyi n'imyitwarire ikenewe ku bakozi n'amahugurwa arebana n'ubuyobozi kugira ngo bibafashe kurangiza inshingano nshya.